REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO: TB KAMEMBE

E-mail: tbkamembe@yahoo.com

**INYANDIKO IMENYESHA UMUBURANYI WIHISHE CYANGWA WATOROTSE UBUTABERA IMIKIRIZE Y'URUBANZA RP 00311/2019/TB/KMB RWACIWE KU WA 31/01/2020**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabili, umunsi wa Kane, Ukwezi kwa Gashyantare

Twebwe, **KAGAME Faustin** umwanditsi Mukuru w'urukiko rw'Ibanze rwa Kamembe;

Nshingiye ku ngingo ya 165 y' Itegeko no 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Menyesheje **NIYONIZEYE Theogene** mwene Nzikurahaga Jerome na Nyirangendahayo Christine, wavutse mu 1983 mu mudugudu wa Kabuye, akagari ka Mashya, umurenge wa Nyakarenzo, akarere ka Rusizi, intara y'Uburengerazuba, niho atuye kandi abarizwa, ni umunyarwanda, ni umumotari, nta cyaha arahanirwa n'inkiko bizwi;

**ICYAHA AREGWA:** Kwica umuntu bidaturutse ku bushake

Amenyeshejwe imikirize y'urubanza rwaciwe adahari mu buryo bukurkira:

URUKIKO RW'IBANZE RWA KAMEMBE

<u>**ICYEMEZO CY'URUKIKO**</u>

[1] RWEMEJE ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite ishingiro;

[2] RWEMEJE ko Niyonizeye Theogene ahamwa n'icyaha cyo kwica umuntu bidaturutse ku bushake;

[3] RUHANISHIJE Niyonizeye Theogene igihano cy'igifungo cy'umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana inani (800.000 Frw);

[4] RUTEGETSE Niyonizeye Theogene gushyira mu isanduku ya Leta amafaranga y'ihazabu ahanishijwe mu gihe kingana n'ukwezi kumwe kuva uru rubanza rukimara kuba ndakuka, atabikora ku neza hagakoreshwa ingufu za Leta;

[5] RUTEGETSE Niyonizeye Theogene gushyira mu isanduku ya Leta amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000 Frw) y'amagarama y'uru rubanza rukimara kuba ndakuka, atabikora ku neza agakurwa mu mutungo we ku ngufu za Leta.

[6] RUTEGETSE ko ingingo z'ingenzi z'uru rubanza zitangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Urwego rw'ubucamanza, urw'Ubushinjacyaha Bukuru n'urw'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, zikanamanikwa no kuri uru Rukiko rw'Ibanze rwa Kamambe.

**Bikorewe i Kamembe ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.**

**Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kamembe**

**KAGAME Faustin**

URUKIKO RW'IBANZE RWA KAMEMBE
REPUBULIKA Y'U RWANDA